CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél.** : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**Ibaruwa ya Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo RUKAMBA irarikira abakristu kuzaza mu ikoraniro ry'Ukaristiya rizabera i Butare kuva ku wa 4 kugeza ku wa 8 Ukuboza 2024.**

***Iyi baruwa izasomwa mu mwanya w'Inyigisho ku cyumweru tariki ya 2 Kamena 2024, ku munsi mukuru w'Isakaramentu ritagatifu.***

Bakristu bavandimwe,

Nk'uko twabyanditse mw'ibaruwa yacu yo ku wa 30 ugushyingo 2023, kuva ku italiki ya 4 kugeza ku italiki ya 8 ukuboza, Ikoraniro rya kabiri ry'Ukaristiya mu Rwanda rizabera i Butare. Ni igihe cyiza cyo kongera kwumva neza ubwiza bw'ingabire itagereranywa y'urukundo rudashira Imana yaduhereye mu isakaramentu ry'Ukaristiya.

**Ukaristiya ni umutima wa Kiliziya. Ni urwibutso rw'ubuzima, urupfu n'izuka bya Yezu Kristu Umukiza wacu biturirwa mu Misa**. Misa ni ikoraniro rihebuje ry'abakristu bakikije umusaserdoti, bateze amatwi Ijambo ry'Imana kandi batura Igitambo cy'Ukaristiya (Gat. 144).

Misa ni igitambo kimwe n'igitambo cy'umusaraba, kuko kuri Altari kimwe no ku musaraba, ari Yezu Kristu ubwe witura Imana Data ho Igitambo. Mu gutura Igitambo cy'Ukaristiya, ntituba twibuka ibyabaye mu minsi nyabutatu ya Pasika gusa, ahubwo tuba duhimbaza iryo yobera muri ako kanya, mu gihe turimo. Igitambo cy'Ukaristiya koko ni Igitambo cya Kristu ku musaraba gikomezwa muri Kiliziya uko ibihe bigenda bisimburana (SC 47). Yezu Kristu yasabye rero abasaserdoti ko ibyo yari amaze gukora ku wa Kane Mutagatifu, nabo babikora mu bihe bizaza nk'urwibutso rw'Ububabare, Urupfu n'Izuka bye ubuziraherezo.

Yezu Kristu aduhora iruhande mu rugendo turimo rw'ukwemera, bityo akatubera ifunguro nyaryo, mu nzira y'ubutungane, ituganisha mu gukunda Imana, tubaho mu kuri kandi tubana mu mahoro na bagenzi bacu. Ivanjili yanditswe na Mutagatifu Luka 24,13-31 itubwira ko Yezu amaze kuzuka yabonekeye abigishwa babiri bajyaga Emawusi. Abo bigishwa bagendaga baganira, bafite agahinda kenshi kubera ibyari byabaye i Yeruzalemu babamba Yezu ku musaraba. Yatangiye abasobanurira ibyanditswe na Musa n'abahanuzi byari bimwerekeyeho hanyuma ajya kubiyereka igihe cy'imanyura ry'Umugati. Ibyo bisobanura ibice bibiri by'ingenzi biri muri buri gitambo cya Misa aho amasomo twumva abanziriza igice cy'Ukaristiya nyirizina.

Gusobanukirwa neza n'Ijambo ry'Imana bituma twumva uwo duhawe, Yezu Kristu mu Karistiya.

Bitwumvisha mbere na mbere isezerano Imana yagiranye n'umuryango wayo rikomoka ku kumva Ijambo ryayo no ku maraso y'ibitambo by'ibimasa Musa yateye imbaga y'Abayisiraheri agira ati "Aya ni amaraso y'Isezerano Uhoraho yagiranye na mwe, bishingiye kuri aya magambo yavuze" uko twabyumvise mu mu gitabo cy'Iyimukamisiri 24,8. Isomo rya kabiri ryatubwiye ko amaraso Yezu Kristu yameneye ku musaraba asumbya kure agaciro amaraso y'ibitambo bitwikwa "aturonkera atyo ubucungurwe bw'iteka"( Heb 12). Ivanjili nayo itubwira ko Yezu Kristu yafashe Umugati, akawumanyura, akawuhereza abigishwa be agira ati : "Nimwakire, iki ni Umubiri wanjye" hanyuma agafata n'Inkongoro akayibahereza avuga ati: " Iki ni Amaraso yanjye y'Isezerano". Ni Yezu wese rero uri mu gisa n'umugati no mu gisa na divayi. N'iyo twahabwa igice cy'Ukaristiya niwe wese tuba duhawe. Niyo mpamvu tugomba kwakirana Ukaristiya icyubahiro cyinshi, kuko aba ari Yezu Kristu wese duhawe. Ni wese muri Taberinakulo aho dushyira Ukaristiya zasigaye nyuma yo guhazwa, dushobora gushyira abarwayi cyangwa abakristu batashoboye kuza mu gitambo cya Misa. Yezu Kristu uwo nguwo niwe dusanga iyo dushengerera, ni nawe tujya gutambagiza uyu munsi twerekana ko twese hamwe tugenda tumujyanye iwacu, mu bacu, mu mateka yacu, kuko tumukunda kandi akaba ari Imana yacu. Uko gutambagira kwerekana Pasika y'Urupfu n'Izuka bye n'urugendo nyobokamana dushaka gukorana nawe, We mushumba wacu.

Yezu yifuje kandi ko abasangira Ukaristiya bagirana na We ubumwe budatezuka. Yabivuze agira ati: «Urya umubiri wanjye angumamo, nanjye nkamugumamo» (Yh 6, 56). Uko kugirana ubumwe na We, bivuga ko duhura na We mu mateka ye yose, mu buzima bwe bwa hano ku isi, mu rupfu rwe no mu izuka rye, ndetse no mu kuba ari iruhande rw'Imana Data mu ijuru. Bityo rero, umukristu atura igitambo cy'Ukaristiya kugira ngo asingize Imana akunda, ayishimire ibyiza byose yamukoreye n'inema zose yamuhaye; akagitura asabira abanyabyaha kugira ngo bakire kandi asaba n'Imana kumukomereza ineza yayo.

Nka Yezu Kristu, Ubuzima nyabwo bw'umukristu ni ubwo kwitangira abandi; kwitangira umuryango wawe, kwitangira umugore wawe cyangwa umugabo wawe, kwitangira abana bawe, kwitangira umuryango w'abiyeguriyimana urimo, kwitangira Kiliziya cyangwa igihugu cyawe. Igikuru ni urukundo rwitanga buri wese aba afitiye abandi.

Mu gitambo cy'Ukaristiya, twamamaza Urupfu n'Izuka bya Kristu, kugeza igihe azazira mu ikuzo (reba 1 Kor 11, 26). Icyo gitambo ni ingwate y'ubugingo buzaza, aho imibiri yacu nayo izahabwa ikuzo ry'ijuru. Guhimbaza urwibutso rw'umukiro

wacu, bikomeza ukwizera kwacu mu izuka ry'imibiri n'amahirwe yo kuzongera guhura n'abavandimwe badutanze kwitaba Imana barangwa n'ikimenyetso cy'ukwemera (reba SC 32).

Ukaristiya ni isoko y'umubano mwiza wa kivandimwe. Abahawe Ukaristiya baba biyemeje kuba ibimenyetso n'abahamya b'urukundo rwa kivandimwe. Mu kuyihabwa dusaba Imana kuduha kuba ibimenyetso nyabyo by'urukundo rwa kivandimwe. Koko rero kugira ngo twinjire mu iyobera ry'Ukaristiya tugomba kugirana ubusabane na Kristu n'ubusabane n'abandi mu rukundo. Ibyo ni ngombwa kuko Ukaristiya ari igitambo kivuye muri Kiliziya, mu muryango. Ni isangira rihuza abavandimwe rikabaha imbaraga zo kubaho no gukomeza kubaho mu rukundo. Igitabo cy'ibyakozwe n'intumwa 2,42-47 kitubwira ukuntu abakristu ba mbere bari baramenye izuka rya Kristu babagaho basenga, bumva inyigisho z'intumwa kandi bakabana kivandimwe. Ubwo buzima bwerekanaga abantu bari batunzwe n'Ukaristiya.

Ukaristiya iduha icyerekezo cy'ubuzima kuko idufasha kumva neza ibintu by'ingenzi biranga ubuzima bwa buri wese : Ukaristiya idufasha mbere na mbere kumva neza agaciro k'ubwigenge bwacu. Ubwigenge bw'umuntu bugizwe no kwakira Imana akaba ariyo igenga ubuzima bwacu. Imana ishaka ko umuntu yayakira, akakira isi n'ibiyiriho bivuye ku kwemera k'umutima we wuje urukundo tuyifitiye. Uwo mutima uzi kwakira ni ikimenyetso cy'ubwigenge bwacu buba bunyura muri ya nzira Imana yashatse ko umuntu anyuramo agira ati "yego ndabyemeye", ariyo "Amen" tuvuga iyo twakira Ukaristiya; ni ukugira uti "nzi ko uwo ndiwe n'ibyo mfite byose ari wowe mbikesha kandi ni byiza ndabyemeye". Pawulo Mutagatifu mu ibaruwa yandikiye Abanyagalati aravuga ati: "Mwebweho, bavandimwe, mwahamagariwe ubwigenge" (Gal 5,13). Mu gihe cyo gutura, umuntu yiyaka ibintu atunze akabishyira kuri alitari byerekana ko dushyira Imana mu mwanya wayo hejuru y'ibyaremwe byose. "Urakunde Uhoraho Imana yawe n'umutima wawe wose n'amagara yawe yose, n'imbaraga zawe zose" (Ivug 6,5). Umuntu aba yerekana ko yishimiye kwiyakira abikuye mu Mana, ko rero atigize, kandi ko akunda iyo Mana n'ibindi biremwa byose biyikomokaho. Imana ituremana ubwigenge bw'umutima, yaduhaye ubushobozi bwo kuyakira cyangwa kutayakira yo soko y'ubugingo. Bityo rero ibiriho byose bigomba kutuganisha ku Mana kandi bihora bitwereka Imana. Ikandamizwa ry'abantu n'intambara mu isi bikomoka ku gushaka kwiharira no gutegeka abantu uko ushatse. Ukaristiya itubwira ko tugomba gusangira n'abandi ibyaremwe dushyira imbere ubumwe, ubuvandimwe n'ubutabera.

Muri Konsekarasiyo no mu gihe cyo guhazwa, Imana iduha kumva neza agaciro k'ubuzima bwacu. Ahangaha Imana yashatse gusubiza ikibazo twese twibaza,

mbereyeho iki? Agaciro k'ubuzima bwanjye ni akahe? Imana yashatse kutwereka ko agaciro k'umuntu katava mu byo atunze, ku mbaraga z'abo azi cyangwa mu byo akora ariko ko agaciro ke k'ibanze kava muri we, uwo ariwe. Ubuzima ni impano y'Imana kandi igisubizo dushobora kuyiha ni igisubizo cy'urukundo cyo kuyirekurira no kuyishimira. Imana itwumvisha ko tutari abantu gusa turi n'abana bayo. Ukaristiya ni isangira ryo mu gihe kizaza, ritwibutsa ko uko guhura kwacu kuzarangirira mu buzima bushya iruhande rw'Imana.

Ikindi ukaristiya itwibutsa buri gihe ni uko dusabwa kubana na bagenzi bacu mu busabane, nk'abavandimwe. Ukaristiya ni isakramentu ry'ubumwe n'ubuvandimwe Imana iduha muri Roho Mutagatifu bigatuma imibanire yacu iba myiza. Ni imbaraga z'umutima zituma dushobora kubana mu bumwe muri Roho w'Imana, tukaba twashobora gukunda n'umwanzi wacu. Abakurambere ba Kiliziya bavugaga ko udashobora gutandukanya Isakramentu ry'Umugati na Divayi n'Isakramentu ry'ubuvandimwe. Ubuvandimwe nyabwo nibwo butwereka ko twumvise agaciro k'Ukaristiya mu buzima bwacu. Ubukire bwose bw'isi bwagombye kutujyana mu kutwumvisha ubuvandimwe tugomba kugirana.

Ukaristiya iha agaciro gakomeye imirimo y'abantu. Umugati na divayi bihindurwamo Umubiri n'Amaraso ya Kristu bikomoka no ku mirimo y'amaboko y'abantu. Ni ibintu rero biha agaciro ibyo dukora byiza byose. Nta murimo mubi uriho, iyo uwo murimo ukiza, wubaka. Ni icyubahiro gikomeye Imana yaduhaye.

Bavandimwe nagira ngo ndangize iyi baruwa mbararikira kuzaza i Butare kuva ku wa 4 kugeza ku wa 8 ukuboza 2024 mu Ikoraniro rya kabiri ry'Ukaristiya ribereye mu Rwanda. Bizerekana ubuvandimwe bukomoka ku Mana yatwitangiye ikatwiha mu Ukaristiya kandi natwe turabiteguye.

Mugire amahoro y'Imana.

Bikorewe i Butare, ku wa 10 Gicurusi 2024

**+Filipo RUKAMBA,**

Umwepiskopi wa BUTARE.

+ Rukamba

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA ★ C.EP.R. B.P.357 Kigali Rwanda ★ COMMISSION